Ministère de la Jeunesse
et des sports

Rapport
le 4/3/1980

1D — 14p

/NY.B./M.Z./

04 MARS 1980

312 /12.06.02

Monsieur l'Encadreur Régional de
la Jeunesse et des Sports
**K I G A L I**

Réunion des Encadreurs
de la Jeunesse.

Monsieur l'Encadreur Régional,

Suite à votre rapport de réunion des Encadreurs de la Jeunesse tenue à KIGALI le 7 Septembre 1979, j'ai l'honneur de vous faire parvenir les considérations suivantes :

- Il me semble qu'avant de tenir une telle réunion, il faudrait envoyer l'ordre du jour aux intéressés pour qu'ils puissent préparer la réunion convenablement.
- Il faudrait rappeler aux jeunes qui habitent dans les Communes où se trouvent des projets agricoles comme les plantations de riz, de canne à sucre ou d'autres projets comme l'exploitation de la cassiterite, qu'ils feraient mieux de créer des groupements socio-économiques pour ce genre d'activités.

Colonel Aloys NSEKALIJE
Ministre de la Jeunesse
et des Sports

REPUBLIQUE RWANDAISE – MINISTERE DE LA JEUNESSE & DES SPORTS

/M.Z./

SYNTHESE ET AVIS

Réunion des Encadreurs de la Jeunesse en Préfecture de KIGALI tenue le 7/9/1979 à KIGALI .

1) Les Groupements socio-Economiques : le nombre de ces groupements diminue à cause
- de l'Exode rural
- de la Fraude faite par les jeunes
- manque de soutien par les autorités communales
- des gérants malhonnêtes
- des intempéries (trop de pluies ou de soleil)
- Manque de débouchés pour les produits
- Transports des produits très coûteux
- Manque de financement.

NYIRAGARUKA
Pour exécution.-
15/2/80

En Préfecture de KIGALI.: Il ya les G.S.E. pour l'agriculture, le nombre des groupements n'est pas très important, le nécessaire c'est le nombre des jeunes dans ces groupements. Malheureusement il est aussi faible.

2) Chaque encadreur doit envoyer son programme de travail à temps, avant le début du mois pour faciliter son travail et le travail de ses supérieurs.

3) Le rapport trimestriel et annuel doit être envoyé à temps également et doit suivre le plan établi par l'Encadreur régional.

4) Faire des réunions des jeunes régulièrement. Choisir 2 ou 3 endroits convenables dans une Commune pour y grouper les jeunes de 3 à 5 secteurs.

5) Sports - Jeux : Continuer les tournois de 79. Introduire les jeux nouveaux Basket et Volley et entraîner le ballet communal régulièrement.

6) Organiser des conférenciers surtout provenant des autres services comme le ~~MINAGRI~~ MINAGRI, MINASSOCOOP etc... pour pouvoir améliorer le rendement de votre travail.

-

AVIS :

- L'Encadreur Régional de KIGALI fait une réunion des Encadreurs Communaux chaque ~~mois~~ trimestre. L'idée et très bonne car ça permet l'échange d'expériences entre les encadreurs. Mais il me semble que l'ordre du jour devrait être envoyé à ces Encadreurs bien avant, pour qu'ils puissent préparer la réunion convenablement.

- Les jeunes qui habitent dans les communes où se trouvent plusieurs projets agricoles comme la plantation du riz, de canne à sucre ou d'autres projets comme l'exploitation de la cassiterite, devraient faire des G.S.E. dans ces activités.

L'Encadreur communal devrait arriver à les convaindre à travailler ensemble.

- Comme dans cette réunion, il y avait le chef de la Division Encadrement, on devrait faire de même dans les autres Préfectures.

A chaque réunion (au moins 2 fois par an), Un représentant du Ministère de la Jeunesse et des Sports devrait être présent dans les réunions de ce genre.

Avis conforme
13.2.80

Encadrement
Lettre à l'Encadreur région. reprenant ces 2 propositions.
15/2/80

Kigali, le 27/12/1979

[signature]

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Il faudrait essayer de participer à ces réunions et à cet égard je suis d'accord avec la proposition de Karekezi
4.2.80

Monsieur le Secrétaire Général,

Les Encadreurs Régionaux ne nous communiquent que leurs calendriers des réunions sans toutefois mentionner l'ordre du jour.

Dans leur prochaine rencontre, nous pourrons leur demander de nous renseigner aussi sur l'ordre du jour au moins un mois avant la tenue de chaque réunion.

Encadrement, 29-1-1980

KAREKEZI

Je crois que c'est aux encadreurs communaux qui vont dans ces réunions à recevoir l'ordre du jour avant la Réunion.
31/1/80

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Chef Div. Encadrement -

Vos avis sur les annotations du Sé général à la page 2 du P. V -

28/12/79

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
ENCADREMENT REGIONAL
DE LA JEUNESSE

Kigali, le 2/11/1979

N° 54/14.04/09

Bwana ..........................

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Prefegitura KIGALI (Bose)

A traiter par ...
Date entrée : 5/11/79
N° Classement : 33 95/12 04 04.01

Bwana,

Hamwe n'iyi baruwa mkoherereje inyandiko-mvugo y'inama twagiranye kuwa 7 Nzeli 1979.

Nizeye ko ibyo twayisuzumiyemo n'ibyemezo twafashe, byose bigomba gukulikizwa.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Prefegitura

SENKWARE Célestin.

Bimenyeshejwe :

- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino KIGALI.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura KIGALI.-
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura BUMBOGO - BUGESERA.-
- Bwana Bourgmestre wa Komini (Bose)

Inama y'Abayobozi b'Urubyiruko mu makomini yabereye i Kigali taliki ya 7/09/1979.

Abali bahali :

1- SENKWARE Célestin : Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ali nawe muyobozi w'inama

2- KAREKEZI Epimaque : Chef de Division Encadrement muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, wali waje gukulikirana inama.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 3- SIBOMANA Sylvestre | : Encadreur | wa | Komini | KANOMBE | |
| 4- UTUMADAHUTU Dominique | : " | " | " | BICUMBI | |
| 5- SIZELI Savin | : " | " | " | MUSASA | |
| 6- NTAMUGAYO Laurent | : " | " | " | TARE | |
| 7- NSABAMUNGU Tharcisse | : " | " | " | BUTAMWA | |
| 8- NDUWAYEZU Athanase | : " | " | " | GASHORA | |
| 9- GAHUNGU Julien | : " | " | " | RUTONGO | |
| 10- TWAGIRUMUKIZA Joseph | : " | " | " | MUGAMBAZI | |
| 11-KARASSI Paul | : " | " | " | GIKOMERO | |
| 12- NGIRABATWARE J.Damien | : " | " | " | MBOGO | |
| 13-MULINDANKAKA P.Claver | : " | " | " | SHYORONGI | |
| 14- RUCIBIGANGO F.Xavier | : " | " | " | RUBUNGO ali nawe mwanditsi w'inama. | |

Abatali bahali kubera impamvu :

1- Encadreur wa Komini GIKORO
2- " " " KANZENZE
3- " " " RUSHASHI

Inama yatangiye saa yine n'igice (10h30'). Umuyobozi yatangiye inama ashimira abaje, cyakora ababazwa n'uko isaha inama itali yateganijwe. Inama iyo itangiye kare ibyateganijwe kuli ordre du jour bisuzumwa neza kandi bikarangira kare. Yasabye nalimwe kutazongera kuyikererwa.

Mbere yo kwerekana ordre du jour y'inama yerekanye Militant KAREKEZI Epimaque Chef de Division Encadrement wali waje gukulikirana imilimo y'inama.

Ordre du jour :

1- Kurebera hamwe aho amashyirahamwe y'urubyiruko agejeje imilimo no gusuzumira hamwe impamvu adatera imbere.
2- Umutungo w'amashyirahamwe muli iki gihe
3- Programu y'akazi ya buli kwezi

./...

4- Imitunganilize ya za rapports

5- Inama z'urubyiruko

6- Imikino muli Komini + athlétisme izahuza S/Prefegitura BUMBOGO na BUGESERA

7- Gushakira hamwe abantu muli za service z'indi kugirango bazajye batugilira ikiganiro igihe twagize inama

8- DIVERS : Ibibazo binyuranye.

## I. AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Umuyobozi : Yavuze ingorane zimwe muli make, abaza niba yiyongera cyangwa oya. Yahise aha ijambo buli Muyobozi w'Urubyiruko kugirango agire icyo ayavugaho muli Komini.

Rubungo : Hali 6, 3 z'amakawa, n'eshatu z'amashyamba, aliko zikunda gucumbagira kubera za chantiers nyinshi, abandi bakigira mu mugi, k'uburyo nta association izaboneka ikomeye.

Shyorongi : Hali associations 8, inyinshi ni iz'ubuhihzi, uretse iza CEPECS n'izo zikora, indi zikunda kugwa kubera ko baziyamo bakigira muli fraude cyangwa se abategetsi ntibabashyigikire.

BICUMBI : Hali iz'ubuhinzi n'ubworozi, aliko ntibyiyongera kubera abavamo bakigira mu kazi, abandi bagacibwa intege n'umusaruro utiyongera, abajyanama bakabima imilima yo gukoreramo.

Musasa : Hali associations 2 z'ubuhinzi bwa kawa, ebyili zo kudoda iz'ubuhinzi bwa kawa n'izidoda zikora neza. Izisigaye z'ubuhinzi zidindizwa n'uko babona umusaruro ali muke. Iza kawa zisaba kwongera umusaruro wabo bakabima umulima. Atelier ibaza ikunda kubura ibikoresho, atelier idoda, caissière wabo ntacunga imali neza.

Tare : Izigenda neza ni 3, ebyili zagabanye amafranga, bafite kandi ikibazo cyo kwatisha aho bahinga, bikabahenda batanga imali nyinshi. Uyu mwaka haguye associations nyinshi kubera imvura yabiciye umusaruro.

Butamwa : Izigenda neza ni 3 z'ubuhinzi, umusaruro ubabana muke, zikagenda zigwa kubera iyo mpamvu .

! Gashora : Hali ka groupement kagitangira, ntazindi zihali, izali zihali zaraguye kubera détournement y'amafranga na ba conseillers bakomera ku masambu.

./...

Rutongo : Hali 6, ebvili zihinga ibisheke; 4 zigahinga indi myaka ngandura-rugo. Muli Komini Rutongo, impamvu associations zitiyongera cyangwa ngo zigire urubyiruko rwinshi ni ukubera ko bogereye umugi. Indi mpamvu ni uko bigira muli gasegereti ho babona amafranga menshi, bityo gufatanya bakabireka.

Mugambazi : Imwe icuruza, 9 zirahinga. Izo zihinga ziracumbagira kubera ko bigira mu mugi, mu masociétés, mugasegereti mbese ni nka Rubungo na Rutongo.

Mbogo : Ifite groupements 3 z'ubuhinzi bw'imboga. Ubu ziragenda ingorane, babura aba clients bo kuzigura, kuzizana mu mugi bakabura imodoka. Abakundakulima baziguraga, aba clients baziguraga nabo ntibakihagulira. Icyo kibazo cyageze no kuli Bourgmestri.

Gikomero : Mbere zali nka 30, enye zimaze kugwa izindi nazo ziracumbagira. Izikora ni 10, zimwe zikanorora inka, izindi zihinga ikawa, izindi umuceri nta soutien bafite ku abategetsi babegereye, bagategereza gusa encadreur wenyine. Kandi n'izo zikora neza ni uko zibona aba clients babegereye.

Kanombe : Kanombe ifite gusa groupements 6, enye zirahinga, 2 ateliers de couture zirakora neza. Izihinga umubare w'abanyamuryango aho kwiyongera uragabanuka kubera kuza mu mugi, na za sociétés nyinshi zibaha akazi. Nabagiliye inama yo kubumba amatafali ku giti cyabo birabananira bo bahitamo kubumbira abandi babaha amafranga ako kanya. Ibyo gufatanya byarabananiye.

situation très dramatique s.v.p. Propositions de relèvement. [signature] 7/11/79

Umuyobozi : Uko mbyumvise, ziragenda zigwa kubera profit nkeya bakigira ahandi. Indi ngorane numvise niba conseillers batabashyigikira ngo babakebere imilima aho ishobora kuboneka. Indi ngorane numvise ni exode rurale. Bageze mu mugi bakabona akazi ntacyo bitwaye ikibi gusa ni uko baba bandagaye. Ayo mafranga rero bagenda bakura hirya no hino, umuntu yabagira inama yo kuyashyira hamwe akavamo igikorwa cy'ubufatanye kandi gifite akamaro.

les G.B.E. à former à repenser et réorienter [signature]

Ingero : - Muli ayo mafranga bashobora kuyabumbishamo amatafali (Briqueterie) aho bishoboka muli icyi gihe kandi amatafali arunguka cyane.

- Ayo mafranga kandi ashobora gushinga boutique n'ibindi .

Ku kibazo kerekeye amasambu, mwe mugomba kubijyamo akahoneka.

./...

Mu by'ukuli muli ibiraro bihuze abo mushinzwe n'ubutegetsi. Nimwe rero mugomba kumvisha ibibazo byabo mu nzego z'ubutegetsi. Aho amasambu ali, mu gihe conseiller ayimanye, mugomba kubigeza kuli Bourgmestre akabisuzuma.

Ingorane muhura nazo kenshi, zitewe yenda no kutumva akazi kacu neza, mugomba gukora uko mushoboye kose nk'igihe inama ya komini (conseil communal) yateranye, mugasobanulira ba conseillers uko akazi dushinzwe gateye. Bamaze gusobanukirwa neza bajya barushaho kudufasha.

Za groupements z'urubyiruko ziliho akenshi no kutazisura ikindi nanone kizigusha ni ubuhemu bwa bamwe mu banyamuryango biba amafranga (détournement). Mu nama y'ubushize twemeje ko mu gihe amafranga amaze kugwira yazajya abikwa muli C.E.R. cyangwa ahandi bizeye. Abibye kandi ayo mafranga bagomba gukulikiranwa mu nzego z'ubucamanza kugirango bayishyure.

Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura amaze kugira icyo avuga ku mikorere ya za groupements z'urubyiruko n'ingorane zihura nazo yasabye Chef de Division Encadrement waje gukulikirana imilimo y'inama kugirango nawe abe yagira icyo abivugaho.

Chef de Division Encadrement : Mwavuze ingorane, aliko se mwebwe mufite migambi ki kugirango urubyiruko rugire encadrement ihagije. Kuva muli 1977, groupements nyinshi z'urubyiruko zagiye zigwa k'uburyo bukabije. Ikibabaje nuko na za groupements zisigaye urubyiruko ruzilimo ali ruke cyane. Ntabwo dushimishwa gusa n'umuhare mwinshi w'amashyirahamwe ahubwo dushimishwa no gusangamo abana benshi Ese izo groupements murazisura ? Ese abategetsi babibona bate ? Yakomeje agira ati : Hali aho Ministre yigeze kunyarukira agiye kureba groupements z'urubyiruko asanga ntayihali kandi zaratangwaga muli raporo buli gihe. Ubwo rero ni ukuvuga ko mukora raporo ku bintu mutazi. Raporo zanyu zigomba kuvuga ukuli. Détournement de fonds : Abiba za groupements z'urubyiruko, ntimugomba guceceka ngo mubihorere. Mugomba gusaba ko ubutegetsi bubakulikirana bakishyura.

Ministeri ijya ikunda gutanga imfashanyo muli za groupements zimwe niyo mpamvu ibyo mwanditse byose muli rapport bigomba kuba bivuga ukuli.

IBIBAZO :

Encadreur Rubungo : 1) Gushyigikirwa n'ubutegetsi, ubu ntibyoroshye kubera itora rya ba conseillers lili hafi; ngo batiteranya n'abaturage, ubu usanga abenshi ntacyo bitayeho.

et avant alors ?

./...

2) Détournement : Abenshi iyo bayaliye ntibaguma aho, umuntu akabura aho abashakira.

Umuyobozi : Abashoboye kwishyura, kandi bahali bagomba kwishyuzwa.

Encadreur Kanombe : Iyo ali ba mineure umuntu yabishyuza ate kandi ntacyo bafite ?

Réponse : Icyo gihe ikibazo cyashyikilizwa ubucamanza bukaba alibwo bukirebera.

Umuyobozi w'inama : Ubu se mujyanye migambi ki yo gushyigikira urwo rubyiruko ? Umugambi mbahaye ni ugusura urwo rubyiruko kenshi murusanga aho rukorera no mu manama menshi mubagira. Ntimugomba kandi guhwema kugeza ibibazo byarwo mu butegetsi.

Encadreur Rutongo : Imfashanyo mutanga mukulikiza iki ?

Chef de Division Encadrement : Ministri wacu yatubwiye mu nama yabereye i Kigali mu kwezi kwa werurwe 1979 ko amashyirahamwe akwiliye gufashwa yujuje ingingo zikulikira : 1) Amashyirahamwe amaze nk'imyaka ibili nibura ashinzwe - 2) Amashyirahamwe afite abanyamuryango barenze icumi.
3) Amashyirahamwe afite ubwizigamire buhagije. Buli munyamuryango akaba afite amafranga aya n'aya twemeje (ubu ntacyo turabivugaho).
4) Amashyirahamwe afite amatwara ya kigabo yo kuzamuka. Bikaboneka mubyo yagezeho kandi agamije kugeraho.
5) Amashyirahamwe azira amatiku, umwiryane n'izindi mpamvu zikomeye zigamije kuyasenya.

Umuyobozi : Mujye mukora demande hakili kare kugirango tubone igihe cyo kugenzura iyo groupement uko yifashe. Niba ifite akamaro cyangwa oya. Hagati aho tumaze kugenzura ko yuzuza ibyangombwa byose nibwo twayisabira imfashanyo bya kuyitera inkunga.

## II. PROGRAMME Y'AKAZI YA BULI KWEZI.

- Twabivuze kenshi ndagirango mbasubilire mu kamaro kayo, ni ukugirango ubashatse, yaba Ministeri ije kumbaza, alise n'undi akamenya aho mwakoreye n'icyo mwagiye kuhakora. Igomba kandi kuza hakili kare bitinze taliki 7 z'ukwezi. Aliko hali abatayitanga, iyo rero akaba collaboration nke. Kandi iyo programme si ukuyitanga gusa igomba no gukulikizwa. Hali abohereza raporo ifatanye na programme. Ubwo buryo sibwo mujye muzohereza zitandukanye kugirango imwe nikererwa indi ihagere kare.

Encadreur Shyorongi : Rapport cyangwa programme bishobora gutinda nk'igihe Bourgmestre adahali ngo abisinye.

Umuyobozi : Rapport cyangwa programme ntigomba gutinda kuko ugomba kuyitangira kuli 25 z'ukwezi. Mu gihe Bourgmestre ali mu biro ugomba kubimushyira unusobanulira ko byihutirwa akabisinya bidatinze.

Chef de Division : Mujye mukora programme kandi munayubahilize. Hali aho nagiye ngera kenshi ngasanga hali programme aliko bene

./...

kuyikora batayubahiliza.

III. IMITUNGANILIZE YA ZA RAPORO (Mensuel - Annuel)

Umuyobozi : Ikihazo cya raporo tugikoraho buli gihe. Niba ali umwete muke cyangwa agasuzuguro simbizi aliko birababaje. Sinabonye umwanya wo kugenzura niba za raporo ziza kuko nkigera hano muli février nafashwe na mouvement d'ensemble. Ejo bundi sinzi uko nabonye umwanya wo kuzicontrola nsanga bamwe ntazo bakora. Raporo iranga ibikorwa runaka by'umukozi. Umuntu yamenya mukora iki nta raporo ? Umuyobozi w'insma yaje kuvuga amezi amwe ba encadreur bataqiye batanqamo rap'ro abihanangiliza kuzohereza ababwira ko bagomba kuzohereza mu gihe cyavuba.

Chef de Division : Bigeze kunsaba raporo. Ngiye guhera kuli Kigali nsanga nta rapport ifite ya 76 Kigali ifite rapport annuel ya 78 gusa. Ba Encadreurs Régionaux MUBERA Gratien na RWAMANYWA Jéremie bagiye ali nta rapport annuel bakoze. Ubu rero raporo y'umwaka wa 79 Ministre arayishaka vuba. Kigali ni Umurwa mukuru w'Igihugu, izindi za Prefegitura ntizigomba kuyitanga igomba kubera izindi urugero muli byose.

Umuyobozi : Abo navuze batigeze bohereza raporo zabo bategetswe kuzazingezaho bitarenze 30 z'uku.

Butamwa : P.Serge wali ushinzwe Centre ya Butamwa yigeze kunyiru-
ntaho atandaze
kaho/dupfuye ko yansabye 15 jeunes, mbona 5 kubera ko urubyiruko rwinubiraga kujyayo ruvuga ngo ntacyo birumaliye. Undi nawe wamusimbuye aza ali uko ngo bifitiye abakozi babo, ngo jye ntibanzi singomba kuhakandagira.

l'encadreur doit s'imposer

Chef de Division : Icyo kigo kiba kili muli Komini yawe, aliko mugomba kugirana collaboration. None urabimenye uzajye ujyayo umenye situation ya Komini gusa ugomba kumenya uko ubyifatamo.

Encadreur: Abo bafite ibyo bigo bavuga ko ntacyo Komini ibarebaho najya gusaba ba athlètes bakanyirukana.

Chef de Division : Ntabwo aliko bigomba kumera. Abo bana niwowe ubareba kuko ni urubyiruko rwaKomini, icyo utareba ni abakozi izo centres mugomba kuzegera mukafatanya.

Umuyobozi : Icyo natwe tubasaba ni uko mwamenyesha ba responsables b'ibyo bigo ko dufitemo uruhare, kugirango nitugira n'icyo tubasaba batanga.

Umuyobozi : Rapports annuels zigomba kungeraho vuba nazo. Nabahaye plan ya rapport mugomba gukulikiza, ngiyi uko iteye kandi akaba ali nabwo bwa nyuma nyisobanura.

./...

Ubonye binaniranye urubyiruko warureka rugateranira muli secteur yabo. Icyangombwa rero ni uko izo nama zikorwa kandi buli gihe.

## V. IMIKINO

Umuyobozi : Nkuko twabyize mu nama ishize nizeye ko imikino mwagerageje kuyihagurukira muli Komini. Nubwo hagiye habaho ingorane zagiye zituma imikino imwe ihagarara nk'umupira w'amaguru nizeye ko mwakoze uko mushoboye kugirango ye gusinzira.

Tournoi intercommunal ya 78 ntabwo yarangiye, iya 79 nayo ntabwo yashoboye kubaho ngo bitewe n'uko ba Bourgmestri bitaye gusa k'ubwubatsi bw'amashuli (réforme scolaire). Birumvikana ko Komini itabona amafranga yo gutwara équipe yayo iyijyana ahantu kure. Ubwo bimeze bityo rero nabasaba kumvikana na ba Bourgmestri banyu, amakomini yegeranye agakina bityo ntibyabatwara amafranga menshi aho kugirango imikino ihagarare. Imikino mishya Basket-ball na Volley-ball nayo ntimugomba kuyitezukaho. Ndagirango aho bishoboka muzarusheho kuyumvisha cyane.

Encadreur Bicumbi : Hali ibaruwa nabonye iturutse muli Ministeri idusaba kohereza abantu kugirango bakulikire inyigisho ya volley-ball na basket-ball. Iyo nyigisho izaba ryali ?

Umuyobozi : Iyo baruwa yo muli Ministeri wayishubije ukererewe. Abandi bamaze kurangiza iyo formation kandi sinzi niba hali iyindi bateganya muli uyu mwaka. Nzabaza maze nzakubwire.

Ikibazo : Kuki Tournoi intercommunal ya 78 itarangiye ?

Umuyobozi : Tournoi intercommunal ya 78 ntiyaje kurangira bitewe n'ingorane zikulikira :

1° Umwaka wenda kurangira encadreur régional wali hano yaje kujya mu ishuli asiga itarangiye kandi aliwe wayiyoboraga

2° Aho yarangiliye mu ntangiliro za 79 haje kuvuka ingorane ya essence k'uburyo za komini zitashoboraga kubona uko zijyana abakinnyi bazo.

3° Muli iki gihe yagombye kuba yararangiye, aliko igikombe twasezeraniwe na Ministeri ntikiraboneka. Banyijeje ko kizaboneka vuba, hagati aho Kanombe na Gikomero zigakina Final.

à programme avant fin 1980

Ballet Communal : Twabivuze kenshi, entrainement ya ballet communal igomba kubaho buli gihe. Ntabwo ali byiza ko indilimbo n'imbyino nyarwanda biranga umuco w'igihugu cyacu byazimangatana burundu. Muli uko kwitoza iyo mikino mugomba gusaba Bourgmestri kugirango

ahagere abyubahilize ndetse abishyiremo igitsure gikomeye. Ndashaka ko muli iyi minsi yavuba mwanyandikira mumenyesha igihe imyitozo ya Ballet ibera muli Komini kugirango nibishoboka njye nyaruka nze kureba uko byifashe.

Akenshi muli za Komini bageraneza kwita kuli za ballets zabo baziha umwanya wo kugaragara berekana ibyo bagezeho. Bakora ibitaramo, bakabonama amafranga yo kubatera inkunga.

Urugero : Ejo bundi taliki ya 1 Nzeli 1979, abategetsi bo muli Komini Rubungo bakoresheje i itaramo berekana ballet yabo uko iteye n'ibyo yagezeho. Icyo gitaramo kijihijwe n'abantu benshi balimo Ministri w'Urubyiruko n'Imikino. Iyo ballet barayishimye cyane. N'ahandi mu yandi makomini bibaye bityo byaba ali byiza cyane. Nababwira iki rero.

Ikibazo : Radio-Rwanda ijya itembera muli za Komini ifata imbyino, zimwe zikazanyura muli Radio izindi ntizicemo. Groupes zacu zimwe iyo zitayumvise kandi zarashyizemo imbyino bizica intege cyane.

Chef de Division : Umukozi wa Radio-Rwanda yadusobanuliye ukuntu batoranya indilimbo zinyura muli Radio. Muzabumvishe ko kugirango imikino myiza atali kubyina muli radio.

* Gutegura irushanwa ry'imikino ngorora-mubili hagati ya S/Prefegitura BUMBOGO na BUGESERA.-

Umuyobozi w'inama yabanje gusobanura ukuntu imikino ngorora-mubili yagiye ibera kenshi muli S/Prefegitura Bugesera ni ukuvuga amakomini agize iyo S/Prefegitura yahuraga akarushanwa.
Yakomeje agira ati : S/Prefegitura Bugesera yatumiye S/Prefegitura Bumbogo bikinira i Bugesera taliki ya 11/06/78, none S/Prefegitura Bumbogo nayo yarayitumiye ngo zizahure taliki ya 30/09/1979 ku Rushashi.

Imikino yali igize iryo rushanwa mu Bugesera ni 13, 8 y'abagabo n'itanu y'abagore.

| Discipline Hommes : | Disciplines Dames : |
|---|---|
| - 400 m - 800 m - 1500 m | - 400 m - 800 m - 1500 m |
| - 10.000 m | - Longueur - Javelot |
| - Javelot - Poids | |
| - Hauteur - Longueur | |

Izo za disciplines nanone nizo zizaba zigize irushanwa ryo mu Bumbogo. Nkuko nabisobanuye muli conférence préfectorale, Bumbogo izaba ihagaraliwe n'amakomini 5 - Musasa - Tare - Rushashi - Mbogo na Shyorongi

./...

Bugesera yo izaba ihagaraliwe na Gashora - Kanzenze na Ngenda. Komini Shyorongi na Mbogo twazometse kuli S/Prefegitura Bumbogo kuko zili muli secteur sportif.

Amabaruwa menshi avuga iryo rushanwa mwarayabonye, ahasigaye muzalitegure bihagije. Muli iryo rushanwa twifuje ko Ministeri yadutera inkunga ikaba yatubonera prix. Niyo mpamvu tuboneyeho gusaba Chef de Division Encadrement kugirango azashobore kutugereza icyo kibazo kwa Ministri.

Ikibazo : Bamwe babajije impamvu andi makomini yo hagati adahura ngo agire compétition athlétique kimwe n'izindi.

Umuyobozi : Iyo ni initiative ya za s/Prefegitura Bumbogo na Bugesera. Komini zashaka kugira uwo mugambi twazitera inkunga. Ikindi nababwira ni uko izindi komini zitibagiranye. Nkuko mubizi Prefegitura ya Kigali twayiciyemo secteur sportifs 5. Bumbogo - Bugesera - Buganza - Buliza na Bwanacyambwe. Izo secteurs uko ali 5, turateganya kuzazikuramo Equipe d'athlétisme ya Prefegitura. Compétition nabwo mushobora kuzitegura mu makomini abili yegeranye mubyumvikanyeho na ba Bourgmestri banyu.

Encadreur Rubungo : Ko Gikomero na Rubungo duteganya compétition athlétique hali uduhembo mwazatubonera ?

Umuyobozi : Mbere yo kwaka imfashanyo mwakwirwanaho ubwanyu. Izo Komini zanyu zizabigemo zibonere uduhembo, kandi zakire n'abo bakinnyi bazo.

Chef de Division : Ba Encadreurs Régionaux bamwe banditse bavuga ko bavuga ko ba encadreurs ba komini bahura kenshi n'ingorane zo kwakira abakinnyi igihe habaye imikino. Iyo abakinnyi batakiliwe bacika intege bigatuma iyo bongeye gutumirwa baza batabishaka cyangwa bakabyanga.
Hali ibaruwa ya Ministri w'Urubyiruko izasohoka muli iyi minsi imenyesha ba Bourgmestri ko bataqomba kubatererana mu ngorane nk'izo.

- Ku kibazo kerekeye Ballet communal, byaba byiza ko yazajya yerekwa baturage, bakareba ibintu bikorerwa iwabo, bakareba ibintu byabo. Ubwo buryo bwahuza n'umugambi Ministeri ifite wo kwerekana ballet National muli za Prefegitura.

- Kubyerekeye za centres urubyiruko rugomba guhuliramo igihe cy'inama zarwo, mugomba kuzishyiraho Encadreur Régional akamenya aho ziherereye.

* Gushakira hamwe les conférenciers bazajya batugilira ibiganiro biduhugura igihe twagize inama.

Umuyobozi : Bitewe n'uko service yacu ikorera hanze kandi tukaba dufite-

./...

yo izindi services duhulirayo kandi tukaba tugomba gufatanya (collaboration), ni byiza ko tumenya izo services neza kandi tukamenya nuko zikora.

Kugirango rero turushoho gufatanya bihagije n'izo service nasanzo ali ngombwa kugirango tuzajya dutumira abazishinzwe kugirango baduhugure. Ntabwo ali abo ba chefs de service gusa, natwe uwaba afite ibyo atubwira byerekeye expérience afite ku kazi yatubwira.

Nkuwaba adufitiye ikiganiro yazajya anyandikira kare nkamushyira k'umurongo w'ibyigwa.

Mu bantu bazatugilira ibyo biganiro nabahitishamo aba bakulikira :

- Agronome de Préfecture
- Directrice du service social
- Inspecteur des Coopératives
- Responsable wa J.O.C.
- Ushinzwe folklore muli Jeunesse.

Abali mu nama bemeje ko inama y'ubutaha abazatugilira ikiganiro ali ushinzwe **folklore** muli Jeunesse na Responsable wa J.O.C.

* **DIVERS.**

Habajijwe ikibazo cya za cotes 75, 76

Chef de Division : Ministeri ya Fonction Publique yabajyanye bataramara imyaka 2, kandi ntishobora kwemera izo cotes kuko tudashobora kubakorera rapport de fin de stage kandi mutali abakozi bacu.

Ikindi kibazo cyabajijwe ni iki : Abahembwa na Fonction Publique bashyizwe mu maboko ya Komini kuva muntangiliro za 79 bagezeyo basanga bagenzi babo babarusha umushahara kubera kuzamurwa na cote.

Igisubizo : Komini kuko aliyo ibagenga, umwaka utaha igomba kubateganyiliza kugirango namwe munganye n'abandi.

Inama ijya kurangira umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura hamwe na bagenzi be bafatanije gushimira Chef de Division Encadrement wali wayijemo, kandi akabungura ibitekerezo bihagije. Yakomeje asaba bagenzi be kuzilikana ibyashoboye kwigirwa muli iyo nama no kugerageza kubikulikiza. Yibukije ko kandi isaha yo gutangiliraho inama igomba gukulikizwa n'ta gukererwa.

Inama yarangiye saa saba n'iminota 5 (13H5).

Umuyobozi w'inama
SENKWARE Célestin

Umwanditsi w'inama
RUCIBIGANGO Fr. Xavier